**FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION**

# AMABWIRIZA AGENGA SHAMPIYONA Y'IKICIRO CYA KABIRI MU BAGABO 2024/2025.

Dushingiye ku ngingo ya 44 y'amategeko Shingiro ya FERWAFA yo kuwa 23/01/2023;

Dushingiye ku ngingo ya 8 y'amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2020;

Twemeje Amabwiriza akurikira:

## IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo shampiyona y'ikiciro cya kabiri mu bagabo 2024-2025 (Muri aya mabwiriza shampiyona iritwa **"Irushanwa"**) izahuza amakipe yo mu kiciro cya kabiri mu bagabo yiyandikishije mu buryo bwemewe n'amategeko.

Irushanwa ry'umwaka w'imikino wa 2024/2025 rizakinwa hagati y'itariki ya 21/9/2024 kugeza tariki ya 30/05/2025 rikazitabirwa n'amakipe yiyandikishije mu buryo buteganywa n'amategeko.

Abarebwa :

a) Abayobozi n'abahagarariye FERWAFA;

b) Amahuriro cyangwa amashyirahamwe y'umupira w'amaguru yemewe;

c) Amakipe yitabira amarushanwa ategurwa na FERWAFA;

d) Abayobozi (ab'amashyirahamwe, amakipe, abatoza);

e) Abakinnyi;

f) Abayobozi b'umukino;

g) Abareba umupira cyangwa abafana

### Ingingo ya 2: Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match officials)

2.1. Komisiyo ishinzwe imisifurire muri FERWAFA niyo izajya igena abasifuzi bayobora imikino.
2.2. Komiseri ashyirwaho n'ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA.
2.3. Inshingano z'abayobozi b'imikino zigenwa n'Amabwiriza agenga amarushanwa ya

## I ngingo ya 3: Ibyerekeye kwemeza imikino (homologation des resultats )

3.1. Kwemeza imikino bikorwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa.

3.2. Iyo komisiyo igomba guterana kugira ngo yemeze imikino yabaye, mu gihe habayeho impaka zashyikirijwe ibiro bishinzwe amarushanwa, iyo komisiyo igomba guterana mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48)

3.3. Kugira ngo umukino wemezwe ugomba kuba wakinwe ukarangira neza. Ni ukuvuga umukino wakinwe ukarangira mu gihe cyagenwe.

3.4. Mu gihe umukino uhagaritswe n'ibihe bibi cyangwa ugupfa kw'ikibuga, usubirwamo wose kuri icyo kibuga kandi ukayoborwa n'abari bawuyoboye mu gihe kitarenze amasaha 24. Mu gihe uwo mukino wakinwaga nijoro ugahagarikwa kubera ibura ry'umuriro w'amashanyarazi biturutse k'ukuba ikipe yakiriye itaguze amavuta yo gushyira muri moteri, umusifuzi afata icyemezo cyo kuwuhagirika nyuma y'iminota 45 iyo umuriro utagarutse ikipe yakiriye ihanishwa mpaga y'ibitego bitatu ku busa. Icyakora iyo bigaragaye ko kubura umuriro bitaturutse ku burangare bw'ikipe yakiriye umukino uwo mukino usubirwamo mu gihe kitarenze amasaha 24.

3.5. Mu gihe amakipe yombi yahuriye ku kindi kibuga kitari icyayo, iryo bura ry'amashanyarizi rifatwa nk'impamvu ikomeye (cas de forcé majeure)

3.6. Iyo umukino wahagaze kubera impamvu zikomeye, amahame akurikira arubahirizwa :

- Umukino ntusubirwamo wose, kandi usubirwamo bitarenze amasaha 24 uhereye ku munota wahagarariyeho, kandi ibitego byari byatsinzwe bikomerezwaho.
- Abakinnyi bajya mu kibuga ni abari bakirimo ndetse no ku ntebe y'abasimbura hakajya abari bayiriho igihe umukino wahagararaga ;
- Nta wundi mukinnyi mushya wakongerwa ku rutonde rw'abasimbura ;
- Ikipe zemerewe gusimbuza abakinnyi bitewe n'umubare w'abasimbura bari bacyemerewe igihe umukino wahagararaga ;
- Abakinnyi bari bahawe amakarita atukura ntibashobora gusimbuzwa ;
- Ibihano byose byari byafashwe mu mukino uhagarara birakomeza bigakurikizwa,
- Abayobozi b'umukino ntibahinduka
- Isaha, itariki n'ahantu umukino ugomba kongera gutangirizwaho bishyirwaho n'ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA ;
- Igihe ikipe yanze kongera kuza gukina umukino wari wahagaze, ihanwa hakurikijwe amategekonk'uko biteganwa n'ingingo ya 38 y'amategeko agenga amarushanwa muri FERWAFA

**3.7.** Amakuru y'ibyaranze umukino abikwa hokoreshejwe ikoranabuhanga rya FCMS (FERWAFA Competition Management System). Amahugurwa ku ikoreshwa ry'ubwo buryo azatangwa na FERWAFA .

## Ingingo ya 4 : Amasaha, Itariki n'ibibuga.

4.1. Kwemeza ibibuga bizakinirwaho byemezwa na komisiyo y'amarushanwa ifatanije n'ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA

4.2. Komisiyo Ishinzwe amarushanwa niyo ishyiraho ibibuga, amatariki n'amasaha umukino uberaho ikabimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.

4.3. Hagati y'umukino n'undi ukurikira w'amarushanwa ikipe yitabira, hagomba kuba harimo nibura amasaha 72,

4.4. Itariki, ikibuga, amasaha umukino ukinirwaho ntibishobora guhinduka keretse iyo hari impamvu yumvikana yemejwe n'Ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA biciye kuri komisiyo inshinzwe amushanwa kandi bwayimenyeshejwe mu masaha 72 mbere y'umukino.

4.5. Hagendewe ku bimaze kuvugwa mu bika bibanza nta kipe yemerewe gusaba guhindura amasaha cyangwa itariki y'umukino yitwaje ibi bikurikira:

a) Kuba ikipe ifite abakinnyi b' abanyeshuri batazagaragara ku mukino runaka kubera impamvu z' ishuri.
b) Kuba umukino w'ikipe nkuru wahuriranye n'uwikipe yayo y'abato.
c) Kuba umukino wayo wahuriranye n'imikino y'amashuri (Interscolaire)
d) Kuba ikipe yabuze imbangukiragutabara.

## Ingingo ya 5 : Gukurikiza amategeko agenga umukino (Laws of the game)

Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho n'inama nkuru y'ubutegetsi y'umupira w'amaguru (IFAB).

# IGICE CYA KABIRI : IMITERERE, IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA N'ABAKINNYI BEMEREWE GUKINA.

## Ingingo ya 6 : Uburyo irushanwa rizakinwamo

**6.1.** Amakipe 26 azakina mu matsinda 2 Buri tsinda rigizwe n'amakipe 13.

**6.2.** Imikino yo mu matsinda izakinwa buri kipe ihura n'indi mu mukino ubanza n'uwo kwishyura.

**6.3.** Ikipe zamanutse mu kiciro cya kabiri zivuye mu kiciro cya mbere nizo zizayobora amatsinda mu gihe cyo gukora Tombola y'uko amatsinda azaba ateye.

pm -

**6.4.** Uburyo Tombola izakorwamo bizagenwa na komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA ikabimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.

**6.5.** Mu gihe hari amakipe atabashije gukina cyangwa gukomeza irushanwa kubera impamvu iyo ariyo yose, Ubunyamabanga Bukuru bufatanyije na Komisiyo y'Amarushanwa bazagena uko irushanwa rizakinwa bitewe n'umubare w'amakipe yemerewe gukina.

**6.6.** Mu gihe hari ikipe isezeye mbere yuko umwaka w'amarushanwa utangira igomba kubimenyesha Ubunyamabanga bwa FERWAFA nibura amezi abiri (iminsi 60) mbere yuko uwo mwaka w'imikino utangira. Iyo igarutse mu marushanwa ihera mu kiciro cyo hasi y' ibindi byose bihari.

**6.7**. Mugihe hari ikipe isezeye hagati mu irushanwa, ihanishwa ihazabu y'amafranga miliyoni imwe n'ibihumbi magana atanu (1.500.000 Frws) z'amafaranga y'u Rwanda.

Iyo ikipe isezeye mbere y'iminsi itagera kuri 60 ngo umwaka w'imikino utangire, ihanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000Frws).

Iyo igarutse mu marushanwa ihera mu kiciro cyo hasi y'ibindi iyo kidahari ihagarara umwaka.

**6.8.** Amakipe abiri ya mbere muri buri tsinda niyo azakomeza mu byiciro bikurikira bizakinwa mu buryo bukurikira:

**6.9.** Amakipe azakomeza azakina Mini Championat, ahure hagati yayo ebyiri za mbere zifite amanota menshi nizo zizahatanira igikombe cy'icyiciro cya kabiri ari nazo zizazamuka mu cyiciro cya mbere.

6.10. Uko amakipe azakurikirana mu gihe imikino irangiye hagenderwa kuri ibi bikurikira:

MT.

a) Amanota menshi yabonetse nyuma y'imikino yose

b) Ikinyuranyo k'ibitego nyuma y'imikino yose

c) Umubare mwinshi w'ibitego amakipe yinjije mu mikino yose.

6.11. Mu gihe amakipe abiri cyangwa arenze abiri ahuje ibiteganywa mu gika kibanza, kuyakurikiranya hakurikizwa ibi bikurikira:

a) Umubare w'amanota yabonetse mu mikino hagati y'amakipe bireba.

b) Ikinyuranyo cy' ibitego hagati y'amakipe bireba nyuma y'imikino yose.

c) Umubare munini wibitego byinjiye nyuma y'imikino hagati y'amakipe bireba.

d) Umubare munini ku bijyanye na fair play ugendeye ku makarita y'umuhondo n'umutuku byabonetse mu mikino yose:

• Ikarita y'umuhondo: Gukurwaho inota rimwe (1)

• Ikarita itukura (amakarita abiri y'umuhondo): Gukurwaho amanota atatu ya Fair play (3)

• Ikarita itukura y'ako kanya (direct red card): Gukurwaho amanota ane ya fair paly (4)

e) Ibihano by'abagize "staff technique/technical staff", uhereye ku makarita atukura ugakomereza ku ma karita y'umuhondo.

f)Tombola ikoreshwa na komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA.

6.12. Nta kipe yemerewe gutanga umwanya wayo mu irushanwa, yaba iwugurishije cyangwa iwutanze mu bundi buryo.

ma.

## Ingingo ya 7: Abakinnyi n'umubare w'abasimbura wemewe

Abakinnyi bazakina iri rushanwa ni abafite impushya zibemerera gukina z'umwaka w'imikino wa 2024-2025 bahawe na FERWAFA. Umubare w'abakinnyi bashyirwa ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) ni makumyabiri (20) naho Umubare wa staff ni icyenda (9) bafite ibyangombwa (licenses) bijyanye n'inshingano zabo. Abafatwa nka staff y'ikipe ni aba bakurikira:

a. Abatoza

b. Abaganga

c. Umuyobozi b'ikipe (Team Manager)

d. Umuyobozi wa siporo cyangwa uwa tekiniki (Sporting Director/ Technical Director)

e. Umukozi ushinzwe ibikoresho (Kit manager)

Umukinnyi witabiriye umukino ni ugaragara ku rupapuro rw'umukino rutangwa na FERWAFA kandi rwasinyweho n'Umutoza w'ikipe. Abakinnyi banditse ku rupapuro rw'umukino bagomba kuzuza ibisabwa bijyanye no kwitabira umukino hamwe n'ibijyanye n'ibyangombwa nk'uko byavuzwe muri iyi ngingo. Ubunyamabanga Bukuru bushobora kwifashisha uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'irushanwa.

Buri mukinnyi, umutoza, umuyobozi wahagaritswe ntashobora kwemererwa kwicara ku ntebe y'abasimbura cyangwa gukora undi murimo wose mu ikipe cyangwa muri FERWAFA ku buryo bwemewe n'amategeko igihe cyose ibihano byo guhagarikwa bitararangira.

Umubare w'abasimbura wemewe mu mukino ni abakinnyi batanu (5).

- Buri kipe yemerewe gusimbuza inshuro zitarenze 3 mu gihe cy'umukino .
- Igihe ikipe isimbuje Abakinnyi batatu icyarimwe, bibarwa ko isimbuje inshuro imwe.

mvt .

Umukino w'umupira w'amaguru wemewe ntushobora gukinwa utagizwe byibura n'abakinnyi barindwi (07). Iyo umubare w'abakinnyi ubaye muto cyangwa iyo ikipe imwe cyangwa zombi/ebyiri ibuze /zibuze ku isaha yagenwe na FERWAFA, uko kubura byemezwa n'umusifuzi igice cy'isaha (iminota 30) nyuma y'isaha yagenwe kugira ngo umukino utangire. Ibisabwa kugira ngo icyo gikorwa cyemerwe cyo kubura byerekanwa n'umusifuzi ku rupapuro rw 'umukino. Imwe cyangwa amakipe arebwa n'ikibazo ihanishwa guterwa mpaga.

## Ingingo ya 8 : Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe

Ikipe yemerewe umubare w'abanyamahanga batanu k'urutonde rw'abakinnyi izakinisha mu mwaka w'amarushanywa, mu kibuga yemerewe gukinisha batatu k'urupapuro rw'umukino (feuille de match).

## Ingingo ya 9 : Kwandikisha abakinnyi (Cfr Art 35 bis)

Abakinnyi bandikwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwa FIFA/FERWAFA Connect mu gihe cyagenwe na FERWAFA. Buri kipe yemerewe kwandikisha abakinnyi batarenze 33 mu mwaka w'imikino hatitawe ku bihe byagenwe amakipe yemerewe kwandikisha abakinnyi.

IBISABWA KUGIRA NGO UMUKINNYI AHABWE ICYAMGOMBWA KIMWEMERERA GUKINA (License) NI IBI BIKURIKIRA :

a. Indangamuntu

b. Pasiporo ku mukinnyi w'umunyamaganga

c. Amasezerano y'akazi afite agaciro nibura kangana n'umwaka umwe w'imikino

d. Amasezerano yo guhererekanya umukinnyi hagati y'amakipe mu buryo bwa burundu cyangwa bw'intizanyo hakurikijwe amategeko abigenga.

nm - [signature]

e. Icyemezo cy'uko umukinnyi yandukuwe mu ikipe yahozemo akaba yaranditswe mu ikipe nshya (International Transfer certificate/ Domestic Transfer certificate) hakurikijwe amategeko abigenga.

f. Uruhushya rwo gukora akazi rufite agaciro nibura ku mwaka umwe (Permis de travail ) ku mukinnyi w'umunyamahanga

g. icyangombwa kiranga impunzi cyemewe cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha ( Leta y'u Rwanda/MIDIMAR ifatanije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi (UNHCR) ku bakinnyi bafite sitati y'impunzi.

**N.B** : Umukinnyi ufite sitati y'ubuhunzi NTABWO abarwa nk'umukinnyi w'umunyamahanga.

h. icyemezo cya muganga cyerekana ko yakorewe ibizamini byose ku buzima bwe.

i. Ubwishingizi mu kwivuza bufite agaciro k' umwaka umwe w'amarushanwa nibura.

Ikindi cyangombwa icyo ariyo cyose gishobora gusabwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA

## Ingingo ya 10: Ibyerekeye gutanga amanota no gushyirwa mu myanya

Uburyo amakipe ahabwa amanota n'uko akurikirana bigenwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 41 y'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

Mu gihe ikipe cyangwa amakipe yatsindiye kuzamuka mu kiciro cya mbere yanze kuzamuka muri icyo kiciro hazakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

## Ingingo ya 11: Imyambaro

Abakinnyi bagomba kuba bambaye imyenda yo gukina ifite ibara n'ibirango by'ikipe bakinira. Ayo mabara agomba kuba azwi kandi yaramenyeshejwe FERWAFA mbere yo gutangira amarushanwa.

Uko byagenda kose, Ikipe yasuye igomba kwitwaza imyambaro irenze umwe idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe.
Umuzamu ntatuma ikipe yose ihindura ibara ry'umwambaro, iyo amabara y'ikipe zombi asa, ibara rya kabiri ry'ikipe yasuye(away team) rikaba risa n'iry'umuzamu w'ikipe yasuwe(home team),iyo kipe yasuwe ifite inshingano zo gushakira umuzamu wayo undi mwambaro ufite irindi bara.
Ikipe itubahirije ibivugwa muri iki gika ihanishwa guterwa mpaga.

## Ingingo ya 12: Ibibuga n'amasaha

**12. 1.**Imikino izajya ibera ku bibuga byemewe hakurikijwe amategeko abigenga ya FERWAFA.

**12. 2.** Buri kipe igomba kugaragaza ikibuga izajya ikiniraho imikino yayo kugira ngo kigenzurwe niba cyujuje ibisabwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa ifatanyije n'Ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA mu gihe cyagenwe.

**12. 3.** Nta kipe yemerewe guhindura ikibuga hagati mu mwaka w'imikino, Icyakora, Ubunyamabanga bwa Ferwafa bushobora guhindura amasaha cyangwa ikibuga umukino uberaho hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa bikamenyeshwa komisiyo ishinzwe amarushanwa.

**12. 4.** Amakipe agomba kugera ku kibuga kiberaho umukino nibura isaha imwe n'igice mbere y'isaha yagenwe y'umukino.

**12. 5.** Ikipe irengeje iminota 30 ku y'isaha yagenwe y'umukino itaragera ku kibuga izajya iterwa mpaga y'ibitego bitatu ku busa inacibwe amande y'ubukererwe ateganyijwe mu mbonera hamwe y'ibihano.

**12. 6.** Ikipe bigaragaye ko ikibuga cyayo cyangiritse yihanangirizwa mu nyandiko. Iyo ibi bibaye inshuro ebyiri zikurikiranya igenerwa ibihano bikubiye

mu mbonerahamwe iri mu ngingo ya 20. Iyo ibi bibaye inshuro eshatu zikurikiranya ikipe iterwa mpaga ikanategekwa gushaka ikindi kibuga yakiriraho imikino.

**12. 7.** Ikipe yambuwe uburenganzira bwo kwakirira ku kibuga kubera ko cyangiritse yongera kubuhabwa na Ferwafa nyuma y'uko iyo kipe yanditse isaba ko ikibuga cyayo cyongera kugenzurwa.

**12. 8.** Iyo ikipe ikoze amakosa yavuzwe mu bika bibanza by'iyi ngingo , inshuro eshatu (3) ihita ikurwa mu irushanwa ry'uwo mwaka. Iyo kipe iyo igarutse mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu kiciro cya nyuma kandi igatangirana umwenda w'amanota atandatu

## Ingingo ya 13: Umutekano, imbangukiragutabara no kutagera ku kibuga

Ibijyanye no gucunga umutekano ku bibuga bireba mbere na mbere ikipe yakiriye umukino. Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA bufite inshingano zo kumenyesha amakipe ibisabwa mu rwego rw'imicungire y'umutekano ku bibuga no gukurikirana ko yubahirizwa.

Ikipe yakiriye (Home Team) itazanye Imbangukiragutabara (Ambulance) ku kibuga,ihita iterwa mpaga ikanacibwa Ihazabu y'ibihumbi 300,000 Frw. Ikipe Yakiriye umukino ikazana Imbangukiragutabara (Ambulance) idafite ibikoresho,iterwa mpaga kuri uwo mukino yakiriye,ikanishyura Ihazabu y'ibihumbi 200.000 Frw. Iyo ayo makosa iyakoze inshuro 3 ihita ikurwa mu irushanwa ry'uwo mwaka.

Iyo kipe igarutse mu irushanwa mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu kiciro cyo hasi y'ibindi . Iyo kidahari ihita ihagarikwa umwaka 1 ititabira Amarushanwa yose ategurwa na FERWAFA.

ma .

Ikipe iterwa mpaga kuko itageze ku kibuga (yaba yasuwe cyangwa yasuye) itabimenyesheje FERWAFA icibwa ihazabu y'amafaranga miliyoni imwe (1.000.000 Frw) ikaba itazemererwa gukina umukino ukurikira itarishyura.

## Ingingo ya 14: Guhagarika umukino

Mu gihe umukino uhagaze bitewe n'impamvu zigoye kwigobotora (cas de force majeur) hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 38 y'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA

## Ingingo ya 15: Gusezera mu irushanwa

Ikipe yifuza gusezera mu irushanwa igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA nibura iminsi 60 mbere y'uko irushanwa ritangira.

Ikipe yasezeye mbere y'uko irushanwa ritangira (ni ukuvuga itubahirije igihe cyavuzwe mu gika kibanziriza iki) cyangwa nyuma y'uko irushanwa ritangiye icibwa ihazabu ku buryo bukurikira:

Mu gihe hari ikipe isezeye hagati mu irushanwa, ihanishwa ihazabu y'amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi magana atanu (1.500.000 Frws) z'amafaranga y'u Rwanda.

Iyo ikipe isezeye mbere y'iminsi itagera kuri 60 ngo umwaka w'imikino utangire, ihanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000Frws).

Ikipe itarahawe uruhushya rwo gukina n'urwego rubishinzwe CLUB licensing , iyo igarutse itangirira mu kiciro cyo hasi y'icyo yaririmo.

Ibihano bivugwa muri iyi ngingo ntibibuza ko ikipe ishobora gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe imyitwarire hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

Uko byagenda kose, ikipe isezeye mu irushanwa igomba kubahiriza amasezerano ifitanye n'abakinnyi ndetse n'abandi bakozi bayo kandi ikorohereza abakinnyi bifuza kujya mu yandi makipe mu gihe yo idakina amarushanwa.

## IGICE CYA GATATU: KUBAHIRIZA AMATEGEKO, AMABWIRIZA, N' IBYEMEZO BYA FERWAFA

### Ingingo ya 16: Kubahiriza amabwiriza

Amakipe yose azitabira irushanwa ategetswe kubahiriza amategeko, amabwiriza cyangwa ibyemezo bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha.

Ikipe izarenga Kuri ayo mabwiriza avuzwe mu gika kibanza izafatirwa ibihano bikwiriye.

## IGICE CYA NYUMA: INGINGO ZISOZAa

### Ingingo ya 17: Ibidateganyijwe muri aya amabwiriza

Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 31/12/2024**

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali

**MUNYANTWALI Alphonse**

**Perezida/**

**KALISA Adolphe**

**Umunyamabanga Mukuru**

## UMUGEREKA WA I: IMBONERAHAMWE IGARAGAZA AMAKOSA N'IBIHANO

Haseguriwe amakosa n'ibihano biteganyijwe mu mabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2024, uru ni rutonde rw'amakosa n'ibihano:

| NO | IKOSA | D1 MEN | D2&D3 MEN | D1 WOMEN | D2 WOMEN | YOUTH COMPETITIONS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ikarita imwe y'Umuhondo | 5,000f | **1,000 Frw** | 2,000f | 1,000f | 1,000f |
| 2 | Amakarita abiri y'umuhondo mu mukino umwe | 20,000f | **2,000 Frw** | 5,000f | 5,000f | 2,000f |
| 3 | Ikarita y'umutuku | 50,000f | **5,000 Frw** | 10,000f | 10,000f | 5,000f |
| 4 | Ikarita y'umutuku (indiscipline) | 100,000f | **10,000 Frw** | 50,000f | 30,000f | 20,000f |
| 5 | Gukererwa kugera ku kibuga | 100.000f | **50,000 Frw** | 50,000f | 30,000f | 20,000f |
| 6 | Guterwa mpaga (wasuye cg wasuwe) | 1,000,000f | **1,000,000 Frw** | 300,000f | 300,000f | 200,000f |
| 7 | Kutazana Ambulance ku Kibuga | 500,000f | **300,000 Frw** | 200,000f | 100,000f | 50,000f |
| 8 | Kuzana Ambulance idafite ibikoresho | 300,000f | **200,000 Frw** | 100,000f | 50,000f | 30,000f |

MA.